[redacted] ENK K393

INAMA Y'IGIHUGU ISHINZWE IBIZAMINI MU RWANDA

B.P. 3817 KIGALI - TEL/FAX : 86871

**090**

# IKIZAMINI CYA LETA GISOZA AMASHURI YISUMBUYE 2001/2002

**IKIZAMINI : IKINYARWANDA II**

**ISHAMI :**
- NORMALE PRIMAIRE (F)
- TEACHER TRAINING COURSE (A)
- COMMERCE ET COMPTABILITE
- ECONOMIQUE
- DROIT ET ADMINISTRATION
- ACTION SOCIALE
- HOTELLERIE ET TOURISME $A_2$
- NORMALE ARTISTIQUE
- HUMANITES ARTISTIQUES
- ACCOUNTANCY

**IGIHE : AMASAHA 3.**

**AMABWIRIZA :**

Ikizamini kigizwe n'ibice bitatu :
Igice cya mbere : amanota 37 (kumva umwandiko)
Igice cya kabiri : amanota 43 (ikibonezamvugo)
Igice cya gatatu : amanota 20 (ihimbamwandiko)
Amanota yanditse imbere ya buri kibazo.
Subiriza mu ikaye yateganyijwe.
Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
Ireme n'intego bigomba gutungana.
Kirazira kugaragaza izina ryawe cyangwa iry'ikigo wigamo ku ihimbamwandiko.

[redacted]

I. **UMWANDIKO**

**UMUGANI WA NGUNDA.**

Habayeho umuntu, akitwa Ngunda. Uwo mugabo yari icyago, yari ishyano, yari igisahiranda ; yari igihangange mu kurya no guhinga, yahingaga Rubona yose, agakubitaho na Musasa. Iyo ni yo yari ingobyi ye. Ndetse ngo imisozi yose y'i Rwanda ni amabimba Ngunda yashingaga. Uwo mugabo yari afite n'imirima ku Nyundo ya Bugoyi.

Arakunyarukira, ashaka umugore, akaba umukobwa wa Gacumu. Arongera ashaka undi, akaba umukobwa wa Mirenge ku Ntenyo. Ashakiraho n'abandi bane ; bose bashyika batandatu. Ukuntu yaryaga, nta mugore umwe wari kumubumba.

Nuko wa murima Ngunda ahinze, Mirenge awoherezamo abatezi. Abatezi bakorera hasi kubura hejuru, barihata cyane ; ariko ubuhinge burabananira.

Kwa Mirenge baravuga bati « Uyu muntu waduhingiye atya, natwe tumuhembe ». Babaga ingumba kabombo ; bashesha amafu ; bavomesha amazi yo kuvuga umutsima ; basengera n'amayoga yo kongera ku yabo.

Bukeye Ngunda aribwira ati : « Ngiye kwa Databukwe kumuha umubyizi ». Ngunda arakugendera no ku Ntenyo, abwira kwa Sebukwe ati « Nimunkwikirire amasuka mirongo itanu, njye kubaha umubyizi »

Kwa Sebukwe bakaba abakungu pe ; amasuka barayakwikira, barayamuha, ajya guhinga.

Atangirira mu Rugondo, ahinga Ntenyo yose, abirindura mu Kinyoro kwa Byakuzacumu.

Ngunda agakubita isuka hasi kabiri ubwa gatatu akazamura agafuni, kandi n'umuhini akawuvuna. Bityo Ngunda amara amasuka yose, ntiyasiga n'imwe abona guhinguka.

Inyama zimaze gushya n'imitsima kuvugwa ; bazana ibidasesa byo kudendezaho inyama ; bakikiza ibibindi by'inzoga mu nzu yose ; benda amata bayatereka hirya no hino ; amarobe y'imitsima bayuzuza ibyibo n'amakangara. Bose bamaze kubiboneza, bahamagara umukwe wabo ; ngo naze afungure. Maze bamuha amazi yo gukaraba. Amaze gukaraba, bamubisa mu nzu, ararya.

Muramu we abarira ko amaze kurya, amushyira amazi yo gukaraba. Ngunda amubonye, aramubwira ati « Jyeho, nduzi ko iyi nka nyitonoye, abahungu bayiriye, bariye inka iryoshye ».

Bumvise iryo jambo, kwa Mirenge barumirwa. Nuko Mirenge abwira umugore we ati « Dore umukwe wacu aritakumye, kandi yadukoreye. None tabara uzane akari gasigaye, muguze n'izindi nzoga mumushyire. Jyeho icyampa ngo yijute irya none ».

Nuko Ngunda bamushyira ukuguru kwari gusigaye, bamwongera n'inzoga. Koko ni yo yari akigera mu mahina yo kurya, agakaraga irobe ry'umutsima akariyongobeza. Imikarago y'umutsima ikabisikana n'intongo z'inyama, n'umufa n'inzoga n'amata. Byose akabivundiranya, bigakwirwa mu gifu cye.

Ngunda yari afite umuheha w'umugano. Yaba awukubise mu kibindi cy'inzoga, akagisoma umusa umwe musa ; akaba amaze mo n'imvuzo zose ; ukaba wagira ngo nta nzoga yigezemo. Nuko amaze kurya, arasohoka. Asohoka yimyoza ngo ntacyo ariye. Nyamara ubwo yari amaze ingumba yose wenyine, kandi bamuhaye n'ibibindi by'inzoga na byo biguze inka. Byose arabitsemba, agenda abibogekeye mw'ibondo rimwe. Nuko kwa Sebukwe baramuherekeza, arataha.[...]

Umusozi arawucuba, asanga aho umushumba adahirira inka ze amusaba amazi yo kunywa. Umushumba ayamuha mu gicuba cyuzuye. Ngunda ayabunda intama imwe, yongeza andi, na yo amubera iyanga, ntiyashira inyota. Nuko wa mushumba aramubwira ati « Nazanywe no gushokera inka zanjye, sinaje kukuhira. » Wa mushumba acaho, ajya gushoza inka ze hirya. Nuko igikenya Ngunda yirara mu kibumbiro, arakinywa, aragikamya ; ajya mu kindi kibumbiro, na cyo aragikonoza ; arigata ibyondo byo mw'isoko. Ngunda amaze kunywa amazi yose yo mu bibumbiro no mw'iriba, ajya mw'ibuga araryama agarika umwogo w'inda.

Umushumba amanukana inka ze ; aroye mu kibumbiro, asanga harumye kera. Nuko inka ze zirarumanga. Wa mushumba akebuka Ngunda haruguru ye aravuga ati :

« Dore uriya mwana w'imbwa ni we wanywereye amazi y'inka. Hinga rurya ruda tujye kurugabana ». Aramunyarukira, amukoza agacumu mw'ibondo, bya bizi yanyoye na bya bishaka yatemaguye birahomboka, bimanuka ku musozi, biwucaho ibikuku, byose biva mu nda ya Ngunda. Nuko icyo gihangange gipfa kishwe n'inda nini.

- Inda nini yishe ukuze.
- Igikenya gipfa ukwacyo.
- Nta mubi wabuze urugingo.
- Nta mubi wabuze ifato.

Kuri ubu Ngunda aba afite abantu benshi bakomoka kuri we. Ariko yamaze gupfa, abagore bajya gushaka amazu, bajyana n'abana ba Ngunda. Abo bana bari abaryi nka se ; babura ikibatunga, bapfa uruhondobero bishwe n'inzara.

A : **<u>IBIBAZO KU MWANDIKO</u> :** **(Amanota 20)**

1. Ni iki umwanditsi anenga Ngunda ? Ngo yapfuye ate ? **(2)**

2. Ni iki umwanditsi ashima Ngunda ? **(1)**

3. Yari afite abagore bangahe ? Erekana uko uwo muco wabangamiraga abana n'abagore. **(2)**

4. Sobanura aya masano : bamwana wawe, mwîishywa wawe, na mubyara wawe mupfana iki ? **(3)**

5. Sebukwe wa 2 wa Ngunda yitwaga nde ? Andika insigamugani yamukomotseho ; unayisobanure. **(3)**

6. Kwa sebukwe bamuhembye iki ? Yari yakoze iki ? **(2)**

7. Ngunda yashajishije amasuka angahe ? Umujyojyo utaniye hehe n'ifuni ? **(3)**

8. Andika amazina 3 y'ibyanyowe na Ngunda. Inka yahawe yayisangiye nande ? **(2)**

9. Tanga imigani 2 migufi itari muri uyu mwandiko igaragaza ububi bw'ubusambo. **(2)**

B : 10. **INYUNGURAMAGAMBO :** Sobanura aya magambo **(Amanota 12)**

(a) Kubâ iyâangâ **(1)**
(b) Guha umuntu umubyizi **(1)**
(c) Gutônoora inkâ **(1)**
(d) Kuyongobeza irobe **(2)**
(e) Ingobyi (inyito 2) **(2)**
(f) kugarika umwôogo w'înda **(1)**
(g) kubûumba umuryî **(1)**
(h) Gukorera hasi kubura hejuru **(1)**
(i) ibiîmba **(1)**
(j) mukeebâ **(1)**

11. **TANGA IMBUSANE Z'AYA MAGAMBO** **(Amanota 5)**

(a) igisaahiranda ≠ ........................................
(b) Gukwîikira isûka ≠ ................................
(c) Kwîijuta ≠ ...............................................
(d) Kurûmaanga ≠ ..........................................
(e) Gukâmya ≠ ...............................................

**C : IKIBONEZAMVUGO**

12. **Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo n'inteko cg ngenga zayo** **(Amanota 10)**

(a) Nyundo ya Bugoyi **(2)**
(b) Koongeera ku mayoga yabo **(2)**
(c) Arakugendera no ku Ntenyo **(4)**
(d) Akubita isuka hasi **(2)**

13. **Garagaza intêgo y'aya magambo n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe (mu mpine)** **(Amanota 15)**

(a) inzoga **(2)**
(b) Gushyâ **(2)**
(c) Bigakwirwa mu gifu cye **(3)**
(d) abibogetse. Koresha kandi iki gicumbi n'ingereka z'inyabune. **(4)**
(e) ... ko bamaze kurya **(2)**
(f) ... ni we wanywereye amazi **(2)**

14. Ngunda, agasoma umusa umwe musa utubutse mu matama ye manini.

Ayo magambo yombi aciyeho akarongo ni bwoko ki ?
Agaragiye ayahe mazina ? **(Amanota 2)**

15. (a) **Tandukanya amagambo yandikwa atya ukoresheje ubutinde bw'imigemo n'amasaku (gabanya ibimenyetso) Abe abiri, abiri. Yose hamwe ni 6 (atandatu)** **(Amanota 6)**

- imvuzo ≠ ..............................................
- amafu ≠ ..............................................
- guhîinguka ≠..........................................
- gufuungura ≠..........................................
- intaama ≠..............................................
- intaango ≠.............................................

(b) **Andika iyi nteruro ugaragaza ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku (gabanya ibimenyetso nko haruguru)**
« Umushumba amuha igicuba cyuzuye ; Ngunda ayabunda intama imwe, yongeza indi ». **(Amanota 5)**

16. **Andukura iyi nteruro wubahiriza amategeko yemewe y'imyandikire.** **(Amanota 4)**

« agakaraga ilobe ly' umutsima akaliyongobeza : Intore z' umutsima zikabisikana ni intongo zi inyama ni umufa na mata. Koko niyo yali akigera mumahina yokurya. »

**(amakosa 3 atwara inota 1)**

## II. IGICE CYA 2 : <u>IHIMBAMWANDIKO</u> (Amanota 20)

Hitamo imwe mu nsanganyamatsiko 3 zikurikira uyiramburemo Umwandiko w'amagambo ari hagati ya 150 na 200.

17. Ubusambo n'inda nini bisenya igihugu. (rambura ibitekerezo byawe mu ngingo 5 nibura mbere yo kwerekana umwanzuro)

18. Inyangamugayo irangwa n'ubupfura (andika ku turango twayo dutandatu wishakiye uhereye ku kwanga ubusambo)

19. Amacumu y'inda ntashira igorora.

**Icyitonderwa : kirazira kugaragaza izina ryawe cg iry'ikigo wigamo.**